
Danimarke

# IBYO UGOMBA KUMENYA KU BIJYANYE NO GUSABA UBUHUNGIRO & AMABWIRIZA AGENGA IMICUNGIRE Y'ABIMUKIRA

Ubwoko bwa A

## ABASABA UBURINZI MPUZAMAHANGA




KINYARWANDA

# IBIKUBIYEMO


Kubera iki uhabwa aka gatabo? 3

Uburinzi mpuzamahanga ni iki kandi ninde ushobora kubuhabwa? 3

Amabwiriza Agenga Imicungire y'Abasaba Ubuhungiro n'Abimukira ni iki? 4

Uburenganzira bwawe mu gihe utegereje icyemezo ku gihugu cya EU+ kizasuzuma yubusabe bwawe 5

Ni hehe wagombye kuba mu gihe utegereje icyemezo ku gihugu cya EU+ kizasuzuma ubusabe bwawe? 7

Ni ibiki utegerejweho muri iyi gahunda? 7

Ni izihe nyandiko n'ibyangombwa ugomba kwerekana? 8

Kubera iki utegetswe gutanga ibikumwe byawe n'ifoto yawe? 9

Habaho izihe ngaruka niba utujuje inshingano zawe? 10

Gufungwa bisobanura iki? 11

Ni gute inzego z'ubuyobozi zifata icyemezo ku gihugu cya EU+ kizasuzuma ubusabe bwawe? 12

Ushobora gukoreshwa ibazwa kugira ngo bifashe gusobanukirwa igihugu cya EU+ kizasuzuma ubusabe bwawe 15

Ese ibazwa rirakorwa buri gihe? 17

Ni ikihe kimenyetso ushobora gutanga kugira ngo uhamye ko ufite umuryango mu kindi gihugu cya EU+? 18

Iyi gahunda izamara igihe kingana gute? 19

Byagenda bite niba waramaze gusaba uburinzi mpuzamahanga mu kindi gihugu cya EU+? 20

Bigenda bite igihe icyemezo gifashwe? 21

Icyo ugomba kumenya kuri gahunda y'ubujurire (igihe habayeho guhagarika by'agateganyo icyemezo n'ubujurire bushingiye ku miterere y'urubanza) 22

Ni ayahe makuru bwite yawe azakusanywa? 24

Uburenganzira bwawe ni ubuhe mu bijyanye n'amakuru bwite yawe? 24

## KUBERA IKI UHABWA AKA GATABO?

Wasabye uburinzi mpuzamahanga (buzwi kandi nk'ubuhungiro) muri kimwe mu bihugu 31 bya EU+. Ibi bisobanura ko ubu wasabye uburinzi mpuzamahanga. Bibishobora kuba byashoboka ko ikindi gihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe. Ubu utegereje icyo cyemezo.

Ni ingenzi gusobanukirwa uko ibihugu bya EU+ bifatanya kuko ibi bishobora kugira ingaruka ku gihugu kizasuzuma ubusabe bwawe.

Uzabona amakuru ya ngombwa yose muri aka gatabo.

## UBURINZI MPUZAMAHANGA NI IKI KANDI NI NDE USHOBORA KUBUHABWA?




Ushobora gukenera uburinzi mpuzamahanga niba udashobora gusubira mu gihugu cyawe kubera ko ufite ubwoba bwo kurenganywa cyangwa wagira ibyago bifatika byo kugirirwa nabi bikomeye. Ibi bisobanura ko, nk'urugero, ubuzima bwawe cyangwa ukwishyira ukizana kwawe byaba biri mu kaga kandi inzego z'ubuyobozi zo mu gihugu cyawe zikaba zitazakurinda cyangwa ngo zikurengere mu kaga kakugarije.

Uzahabwa amakuru menshi ajyanye n'uburinzi mpuzamahanga mu gatabo kihariye.

**Ubu uri mu Danimarke**, **kikaba ari igihugu cya EU+.**
**Ibihugu bya EU+ ni:**

- ibihugu 27 Bigize Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi (European Union, EU): Buligariya, Danemarike, Esipanye, Esitoniya, Finilande, Hongiriya, Korowasiya, Lativiya, Ligisamburu, Lituweniya, Malita, Otirishe, Polonye, Porutigali, Repubulika Irilande, Cekiya, Rumaniya, Shipure, Silovakiya, Siloveniya, Suwede, Ububiligi, Ubudage, Ubufaransa, Ubugereki, Ubuholandi, Ubutaliyani n'
- ibindi bihugu 4: Isilande, Lisensiteyine, Noruveje, Ubusuwisi.


# AMABWIRIZA AGENGA IMICUNGIRE Y'ABASABA UBUHUNGIRO N'ABIMUKIRA NI IKI?




Ibihugu bya EU+ byemeranyije ku itegeko rusange ryitwa Itegeko Rigenga Imicungire y’Abasaba Ubuhunngiro n’Abimukira (Asylum and Migration Management Regulation, AMMR). Iri tegeko rifasha gufata icyemezo ku gihugu gifite inshingano yo gusuzuma ubusabe bw’uburinzi mpuzamahanga. Iri tegeko kandi ryemerera ibihugu bya EU+ gufashanya niba igihugu kimwe cyakiriye ubusabe bwinshi cyane mu gihe kimwe.

Uhawe garanti ko kimwe mu bihugu bya EU+ kizasuzuma ubusabe bwawe ariko udashobora guhitamo igihugu cya EU+ kizaba kibishinzwe. Igihugu gisuzuma ubusabe bwawe kizagenwa hashingiwe ku mabwiriza y'itegeko rya AMMR.

Niba hari icyo ari cyo cyose muri aka gatabo udasobanukiwe, ushobora kubaza umukozi ushinzwe abimukira.



Muri iki gihe, ibihugu bya EU+ birimo gufata icyemezo gusa ku cyo muri byo gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe.

Niba byemejwe ko ikindi gihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe, uzimurirwa muri icyo gihugu.

# UBURENGANZIRA BWAWE MU GIHE UTEGEREJE ICYEMEZO KU GIHUGU CYA EU+ KIZASUZUMA UBUSABE BWAWE




Niba urimo gusaba uburinzi mpuzamahanga ku nshuro ya mbere, ufite uburenganzira ku **bujyanama mu by'amategeko ku buntu**. Ushobora kubisaba inzego z'ubuyobozi igihe icyo ari cyo cyose.

Umujyanama mu by'amategeko azakumenyesha uburenganzira bwawe kandi azagufasha muri iyi gahunda. Niba wamaze kwishyura kugira ngo utereze umujyanama mu by'amategeko, inzego z'ubuyobozi zishobora kutaguha umujyanama mu by'amategeko ku buntu. Ubujyanama mu by'amategeko ashobora gutangwa mu itsinda ariko umujyanama ntabwo azasangiza abandi bantu amakuru bwite yawe.

Ushobora gusaba umujyanama mu by'amategeko uvugisha inzego z'ubuyobozi binyuze mu mugusaba abayobozi babishinzwe kugira ngo baguhe amakuru y'itumanaho ya DRC Dansk Flygtningehjælp, ari nawo Umuryango wigenga utegamiye kuri leta, utanga ubufasha bw'ubutabazi kandi ukorera uburenganzra bw'abasaba ubuhungiro hamwe n'impunzi muri Danimarke Mushobora kandi kuganira na DRC Dansk Flygtningehjælp kuri telefone 3373 5020 cyangwa se kuri e-mail advice@drc.ngo. DRC Dansk Flygtningehjælp ikunze kuboneka kenshi muri Centre ya Sandholm. DRC Dansk Flygtningehjælp itanga ubujyanama bw'amategeko k'ubuntu kandi butabogamye k'ubasaba ubuhungiro mu igyihe cyose cy'ubusaba bw'ubuhingiro. Mushyobora kuvugana na DRC Dansk Flygtningehjælp, niba mufite ibibazo ku ibijyanye n'inzira y'ikorwa ry'ubusabe bwanyu hamwe n'uburenganzira bwanyu. Mushyobora kandi gusoma ibisobanuro k'ubujyanama bwa DRC Dansk Flygtningehjælps k'urubuga rwabo rwa interneti: https://asyl.drc.ngo/.



Ushobora gusaba umusemuzi w'umugabo cyangwa w'umugore n'umukozi ushinzwe dosiye niba ibyo bikoroherezakuvuga ku bijyanye n'uko ikibazo cyawe giteye. Inzego z'ubuyobozi zizubahiriza icyifuzo cyawe aho bishoboka.



Ese ushobora no gusaba amakuru mashya ku bijyanye n’aho uburyo bwo kugena igihugu cya EU+ kizasuzuma ubusabe bwawe bugeze. Niba wifuza gusaba amakuru mashya, ushobora kubaza inzego z'ubuyobozi unyuze kuri kuvugana n’ubuyobozi bujejwe abinjira n’abasohoka (Udlændingestyrelsen) k’urubuga rwabo rwa interneti: www.nyidanmark.dk/da/Kontakt-os/.




Ufite uburenganzira bwo kuvugana no gushyikirana n’Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye Ryita ku Mpunzi (UNHCR) mu ntambwe iyo ari yo yose yo gusaba ubuhungiro.

UNHCR irengera inyungu n'uburenganzira bw'abasaba ubuhungiro n'impunzi.

Amakuru y'itumanaho ya UNHCR n'amakuru kuri gahunda yo gusaba ubuhungiro ashobora kuboneka ku ipaje ya interineti ya UNHCR: https://help.unhcr.org/.

**Ushobora kubona amakuru y'inyongera ajyanye n'inkunga na serivisi uzahabwa mu gatabo kihariye.**

## NI HEHE UGOMBA KUBA MU GIHE UTEGEREJE ICYEMEZO KU GIHUGU CYA EU+ KIZASUZUMA UBUSABE BWAWE?



- Utegetswe kuba muri iki gihugu muri iki gihe.
- Wemerewe gusa gutemberera mu kindi gihugu cya EU+ niba uhawe n'inzego z'ubuyobozi uruhushya rwo kubikora.
- Niba inzego z'ubuyobzi zifashe icyemezo ko ikindi gihugu cya EU+ kizasuzuma ubusabe bwawe, inzego z'ubuyobozi zizategura urugendo rwawe muri icyo gihugu.

## NI IBIKI UTEGEREJWEHO MURI IYI GAHUNDA?

Ugomba:

- Guma muri iki gihugu mu gihe ubusabe bwawe bwanditswe.
- Niba warahawe viza yo gutura mu gihe cyashize, saba ubuhungiro mu gihugu cyayiguhaye numara kugerayo.
- Erekana ibyangombwa bya ID bikuranga byose ufite kugira ngo uhamye umwirondoro wawe.
  Niba wari ufite icyangombwa cya ID kikuranga ariko ukaba utacyiyifite, ugomba kumenyesha inzego z'ubuyobozi ko wayihawe mu gihe cyashize na guverinoma y'igihugu cyawe.
- Menyesha inzego z'ubuyobozi igihe icyo ari cyo cyose watembereye mu kindi gihugu cya EU+.
- Menyesha inzego z'ubuyobozi niba warabaye mu gihugu cya EU+ nta ruhushya ubifitiye.
- Menyesha inzego z'ubuyobozi ibijyanye n'umuryango wa hafi ufite mu kindi gihugu cya EU+.

**INGENZI!** Utegetswe n'itegeko gutanga ibikumwe byawe no gufotorwa.

# NI IZIHE NYANDIKO N'IBYANGOMBWA UGOMBA KWEREKANA?

Sangiza inzego z'ubuyobozi inyandiko n'ibyangombwa byose ufite birebana n':




- umwirondoro wawe (icyemezo cy'amavuko, pasiporo, ikarita y'indangamuntu)



- abagize umuryango wa hafi mu bihugu bya EU+ (ibyangombwa, gihamya y'uko muvugana)




- aho wabaye mbere mu bihugu bya EU+ (hashingiwe ku cyemezo cyo gutura, viza cyangwa guhabwa ishuri cyangwa impamyabumenyi ya kaminuza).

Tanga aya makuru vuba bishoboka. Muri ubu buryo, igihugu cya EU+ gishinzwe ubusabe bwawe gishobora kumenyekana vuba.


# KUBERA IKI UTEGETSWE GUTANGA IBIKUMWE N'IFOTO YAWE?



Inzego z'ubuyobozi zo muri iki gihugu zizafata ibikumwe byawe n'ifoto yawe. Aya makuru, hamwe n’andi makuru akuranga ndetse n’andi makuru afite aho ahuriye n’iki kibazo, azoherezwa mu ikusanyirizo r'amakuru ry'Uburayi ryitwa Eurodac.

Iri kusanyirizo ry'amakuru rikoreshwa n'ibihugu 31 byose bya EU+ bishobora gutunganya amakuru yawe kugira ngo bigere ku makuru yawe. Niba warimukiye mu kindi gihugu cya EU+ nta ruhushya ubifitiye maze bagafata ibikumwe byawe bwa kabiri, amakuru yawe yose ari muri Eurodac azabonwa n’inzego z'ubuyobozi z’icyo gihugu.

Andi makuru menshi ku ikusanyirizo ry'amakuru rya Eurodac yatanzwemu gatabo kihariye.




## HABAHO IZIHE NGARUKA NIBA UTUJUJE INSHINGANO ZAWE?



Niba udakoranye n'inzego z'ubuyobozi, ibi bizagira ingaruka mbi ku busabe bwawe.

Niba udatanze ibikumwe bwawe, inzego z'ubuyobozi zishobora kwanzura ko utagishishikajwe n'ubuhungiro mu Burayi. Zizahagarika gusuzuma ubusabe bwawe, bizaba bisobanura ko utagifite uburenganzira bwo kuguma muri icyo gihugu.

Niba utembereye mu kindi gihugu cya EU+ nta ruhushya cyangwa usabye uburinzi mpuzamahanga mu gihugu gitandukanye cya EU+, uzasubizwa muri icyo gihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe.




Niba uri mu gihugu cya EU+ kitari icyo usabwa kuba urimo, ukwishyira ukizana kwawe gushobora kugabanywa kandi ushobora guhabwa inkunga nkeya.

# GUFUNGWA BISOBANURA IKI?

Gufungwa bisobanura ko ushyizwe mu kigo cyihariye runaka kidashobora kukurekura mu buryo bwisanzuye. Inzego z'ubuyobozi zifite impamvu ifite ishingiro yo kugufunga. Inzego z'ubuyobozi zigomba kuba zizeye ko nta yandi mahitamo ashoboka mu kibazo cyawe. Inzego z'ubuyobozi zizasuzuma uko ikibazo cyawe bwite giteye mbere yo gufata icyemezo.  Impamvu zo gufungwa zishobora kuba, nk'urugero:



- ibintu by'ingenzi by'ubusabe bwawe bw'ubuhungiro (nk'urugero umwirondoro wawe) bidashobora kugenzurwa nta gifungo
- kuba utarubahirije inshingano yo kuba ahantu runaka hihariye, cyangwa hariho ibyago ko wakongera kuhava kandi inzego z'ubuyobozi zidashobora kukugeraho
- wahawe icyemezo cyo koherezwa mu gihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe bw'ubuhungiro kandi nta byago by'uko wahava mbere yo koherezwa
- uteza ibyago ku mutekano

Niba ufunzwe, ushobora kujuririra icyo cyemezo kandi ushobora gusaba ubufasha bw'umunyamategeko no guhagararirwa mu nkiko ku buntu.

**INGENZI !** Niba utembereye mu kindi gihugu cya EU+ nta ruhushya ufite, bizongera ibyago by'uko uzafungwa mu gihe kizaza.

## NI GUTE INZEGO Z'UBUYOBOZI ZIFATA ICYEMEZO IGIHUGU CYA EU+ KIZASUZUMA UBUSABE BWAWE?

Niba ubu ari bwo bwa mbere usabye uburinzi mpuzamahanga mu gihugu cya EU+, hari impamvu nyinshi zituma igihugu runaka cya EU+ gishobora kuba gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe.

### 1) Amasano yo mu muryango



Impamvu ya mbere kandi y'ingenzi cyane ni uko umwe mu bagize umuryango wawe wa hafi yahawe uburinzi mpuzamahanga cyangwa urimo gusaba uburinzi mpuzamahanga mu kindi gihugu cya EU+, kandi ukaba ukwiye guhuzwa na bo mbere y'uko ubusabe bwawe bw'uburinzi mpuzamahanga busuzumwa.

Abagize umuryango ba hafi bafatwa ko ari:

- umugabo cyangwa umugore wawe
- uwo mubana mutashakanye musangiye umubano uhamye
- umwana wawe (ufite munsi y'imyaka 18 kandi utarashatse).

**INGENZI!** Ugomba kuba ubasha kwerekana vuba bishoboka ko wari ufitanye umubano n'uwo muntu mbere y'uko winjira mu karere k'ibihugu bya EU+. Iki gihe gishobora kuba kirimo urugendo rwo kuva mu gihugu ukomokamo.

Niba ufite umuntu wo mu muryango utuye mu kindi gihugu cya EU+, uburyo bwiza bwo gutanga amakuru ni ukuzuza ifishi yabugenewe yitwa '**family tracing template (ifishi yifashishwa mu gushakisha abagize umuryango)'**. Niba ufite umuntu wo mu muryango wawe utuye mu kindi gihugu cya EU+ kandi ukaba utarahawe iyi fishi, vugisha umukozi cyangwa umujyanama mu by'amategeko. Bashobora kandi kugufasha kuzuza iyi fishi.

Ushobora kubona amakuru menshi arambuye ku guhuzwa n'abagize umuryango gushoboka mu gika gifite umutwe witwa '**Ni iyihe gihamya ushobora gutanga kugira ngo ugaragaze ko ufite umuryango ku kindi gihugu cya EU+?**'

## 2) Uruhushya rwo kwinjira mu gihugu runaka cya EU+

Igihugu cya EU+ gishobora kuba gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe niba:




- ufite viza cyangwa icyemezo cyo gutura mu gihugu runaka cya EU+
- winjiye mu gihugu cya EU+ wemerewe kwinjiramo nta viza kubera ko igihugu ukomokamo gifitanye amasezerano n'icyo gihugu.

## 3) Impamyabumenyi z'uburezi cyangwa dipolome



- Wahawe impamyabumenyi cyangwa dipolome nyuma y'uko ubwawe wize mu kigo cy'uburezi mu gihugu cya EU+ nibura mu mwaka umwe w'amashuri.

## 4) Kwinjira mu gihugu runaka cya EU+ binyuranyije n'amategeko

Ikindi gihugu cya EU+ gishobora kuba gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe niba:



- warambutse umupaka wo hanze wa kimwe mu bihugu bya EU+ nta ruhushya ufite



- warokorewe mu nyanja n'inzego z'ubuyobozi z'igihugu cya EU+ mu rugendo rwawe ujya mu Burayi



- watanze ubusabe bw'uburinzi mpuzamahanga muri zone y'abagenzi y'ikibuga cy'indege cyo muri kimwe mu bihugu bya EU+.

## 5) Guhuza umuntu utanga ubufasha n’uwo mu muryango ashinzwe

Uri mu bikeneye kwitabwaho n’umuntu wo mu muryango uri mu kindi gihugu cya EU+ cyangwa ufite umuntu wo mu muryango wo mu gihugu cya EU+ witabwaho nawe.



Umuntu wo mu muryango ukeneye ubufasha ashobora kuba abukeneye bitewe n’uko:

- utwite
- ufite uruhinja rwavutse vuba
- uburwayi bwo mu mutwe cyangwa bw'umubiri bukomeye
- ubumuga bukabije
- ihungabana ryo mu mutwe rikabije
- izabukuru.

Mu gihe habayeho gukenera ubufasha nk’ubwo, ugomba kuba ubasha kwerekana ko ufite ubushobozi bwo kwita ku muntu ushinzwe cyangwa ko ugize umuryango wawe ashobora kukwitaho.

## 6) Impamvu z’ubutabazi

Hashobora kubaho impamvu y'ubutabazi ituma igihugu runaka cya EU+ gishobora gusuzuma ubusabe bwawe. Ibi bishobora kuba bishingiye ku mpamvushingiro zikurikira:

- impamvu z'umuryango
- impamvu z'imibanire
- impamvu z'umuco

Ikindi gihugu cya EU+ gishobora gusabwa gusuzuma ubusabe bwawe ku mpamvu zavuzwe haruguru ariko icyemezo cya nyuma uzafatwa n’urwego rw'ubuyobozi rwo muri icyo gihugu.

## USHOBORA GUKORESHWA IBAZWA KUGIRA NGO BIFASHE GUSOBANUKIRWA IGIHUGU CYA EU+ KIZASUZUMA UBUSABE BWAWE

Niba ubu ari bwo bwa mbere usabye ubuhungiro, inzego z'ubuyobozi zigomba gutegura ibazwa ry'umuntu ku giti cye.

**INGENZI!** Iri ntabwo rizaba ibazwa ry'ubuhungiro. Ibazwa rigamije kugena igihugu cya EU+ kigomba gusuzuma ubusabe bwawe.

**Iri bazwa rifite intego 4 nkuru:**

- gukusanya amakuru azafasha inzego z'ubuyobozi gufata icyemezo ku gihugu cya EU+ kibishinzwe
- kugufasha kubaza ibibazo ibyo ari byo byose bijyanye n'uburyo gahunda yo kugena igihugu cya EU+ kibishinzwe ikorwa
- kugufasha kubaza ibibazo bjyanye n'amakuru ayo ari yo yose muri aka gatabo
- kukubaza niba hari impamvu izoari zo zose utagomba koherezwa mu kindi gihugu cya EU+ cyangwa impamvu ugomba kwemererwa kuguma muri iki gihugu.

Iiganiro kizabera mu rurimi usobanukiwe neza. Niba wifuza ko ukoresha ikiganiro hamwe n’umusemuzi baba abo igitsina runaka, turagusaba kubimenyesha igyihe uhamagarirwa mu ikiganiro. Ubuyobozi bujejwe abanjira n’abasohoka (Udlændingestyrelsen) kizagyerageza kubyubahiriza niba bishoboka.



Nta n'amawe mu makuru utanga azasangizwa guverinoma cyangwa inzego z'ubuyobozi mu gihugu ukomokamo.

Niba hari ikintu icyo ari cyo cyose mu gihe cy'ibazwa kidasobanutse , ushobora kubaza ibibazo. Ni ingenzi kuri wowe no ku mukozi ko musobanukirwa buri kintu, bityo ibibazo bihawe ikaze buri gihe.



Amajwi y'ibazwa azafatwa kandi uzerekwa incamake yanditse y'ibyo wavuze.

Niba, nyuma yo guhabwa incamake yanditse y'ibazwa ryawe ku giti cyawe, utekereza ko amakuru ayo ari yo yose ari ukuri kandi wakwifuza kuyavugurura, ushobora gusaba kubikora.

Mushyobora kuvugana n’ubuyobozi bujejwe abanjira n’abasohoka (Udlændingestyrelsen) k’urubuga rwabo rwa interneti: www.nyidanmark.dk/KontaktAsyl, cyangwa mukoresheje QR-kode iri hasi.

Niba ari ngombwa, uracyashobora gutanga inyandiko z'inyongera nyuma y'ibazwa cyangwa gutanga impamvu utagomba koherezwa mu kindi gihugu cya EU+.

Niba ugifite amakurucyangwa inyandiko utari watanga, ugomba kuziha inzego z'ubuyobozi.

Mugomba kwohereza amakuru cyangwa inyandiko k’ubuyobozi bujejwe abinjira n’abasohoka (Udlændingestyrelsen): Inyandiko z’umwimerere zoherezwa kuri Udlændingestyrelsen, Farimagsvej 51A, 4700 Næstved.

Izindi nyandiko n’amakuru bishyobora koherezwa hifashishijwe urubuga rwabo rwa interneti: www.nyidanmark.dk/KontaktAsyl, cyangwa mukoresheje QR-kode ikurikira:

## ESE IBAZWA RIKORWA BURI GIHE?

Niba ubu ari bwo bwa mbere usabye ubuhungiro inzego z'ubuyobozi zishobora kudakoresha ibazwa ry'umuntu ku giti cyeniba:

- igihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawegisanzwe kizwi
- basanzwe bafite amakuru ahagije kugira ngo bafate icyemezo cy'igihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe
- wigeze gusiba ibazwa utabwiye inzego z'ubuyobozi impamvu yatumye utitabira
- wananiwe gukomeza kuvugisha inzego z'ubuyobozi.

Niba ibazwa ridateguwe, ushobora kurisaba. Niba abakozi babishinzwe batekereza ko bafite amakuru ahagije yo gukemura ikibazo cyawe, bashobora kwanga ubu busabe ariko bagomba gutanga impamvu zabo zituma badategura iryo bazwa.

Niba mwifuza gusaba ikiganiro, mushobora kuvugana n'ubuyobozi bujejwe abinjira n'abasohoka (Udlændingestyrelsen) k'urubuga rwabo rwa interneti: www.nyidanmark.dk/KontaktAsyl, cyangwa mukoresheje QR-kode iri aha hasi. Mwibuke kwandika impamvu zitumye wifuza icyo kiganiro.

# NI IYIHE GIHAMYA USHOBORA GUTANGA NGO UGARAGAZE KO UFITE UMURYNGO MU KINDI GIHUGU CYA EU+?

Uburyobwiza bwo gutanga amakuru ku muntu wo mu muryango wawe ni ukuzuza ifishi ya ‘**family tracing template**’.

Byongeye kuri ibi, tanga inyandiko za guverinoma zemewe n'ubutegetsi izo ari zozose zishobora guhamya isano mufitanye. Ushobora kandi gutanga n'ubundi bwoko bw'ibimenyetso, nk’urugero ibimenyetso byerekana ko wakomeje kuvugana n’umuntu wo mu muryango wawe nk’amafoto, imeri cyangwa ubutumwa bugufi.



Niba nta kimenyetso na kimwe ufite cyerekana isano mufitanye, inzego z'ubuyobozi zishobora kugusaba gukoresha ikizami cy’amaraso kizwi nka DNA kugira ngo kigaragaze ko mufitanye isano.

Ushobora guhuzwa n’umuntu wo mu muryango wawe gusa niba mwembi mwemeje mu nyandiko ko mushaka guhuzwa. Mugomba kugerageza gutanga iyi nyandiko mu Cyongereza niba mubishoboye.

Tangira gutegura aya makuru vuba bishoboka.



Niba ufite ibindi bibazo cyangwa ukeneye inama kuri gahunda yo guhuza umuryango, ushobora gusaba ubufasha bw'umujyanama mu by'amategeko.

Niba ufite uwo mu muryango mu kindi gihugu cya EU+ ariko ukaba utakivugana na bo, hari imiryango ishobora kugufasha kubashaka.

Ushobora kuvugisha iyi miryango ukoresheje amakuru ari aha hasi:
Serivisi ya Croix-Rouge ishyinzwe gushyakisha abantu baburiwe irengero:

tracing@rodekors.dk eller telefon 35 25 92 00.

## IYI GAHUNDA IZAMARA IGIHE KINGANA GUTE?



Ihererekanyamakuru hagati y’ibihugu ubusanzwe rifata hagati y’ukwezi **1 n'igice kugeza ku mezi 3**, ariko **bishobora kumara igihe kirekire** bitewe n’uko ikibazo cyawe giteye.



Niba ikindi gihugu cya EU+ cyeneje ko bazasuzuma ubusabe bwawe, uzimurwa **mu mezi 6** uhereye ku itariki bemereyeho ubusabe bwo kukwimura.




Niba ubusabe bwaratewe n'uko ufite uwo mu muryango mu kindi gihugu cya EU+, koherezwa **bizafatwa nk'ibyihutirwa**



Niba muri iki gihe **ufunze cyangwa uzafungwa mu gihe kizaza**, dosiye yawe **izakemurwa mu buryo bwihutirwa**. Ukwimurwa kwawe kugomba gukorwa mu **byumweru 5**. Niba ukwimurwa kuzakorwa mu byumweru 5, uzasezererwa muri gereza. Icyakora, ukwimurwa kwawe kuzakomeza gutegurwe **mu mezi 6** uhereye ku itariki igihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe cyemereyeho ubusabe.

Niba uri muri gereza kubera icyaha wakoze, igihe ntarengwa cyo kwimurwa gishobora **kongerwa kugeza ku mwaka 1**.




**INGENZI!** Niba ugiye ahandi nta ruhushya cyangwa ntukorane n'inzego z'ubuyobozi mu myiteguro yo kwimurwa, **igihe ntarengwa cyo kwimurwa gishobora kongerwa kugeza ku myaka 3**.

# BYAGENDA BITE NIBA WARAMAZE GUSABA UBURINZI MPUZAMAHANGA MU KINDI GIHUGU CYA EU+?

Wemerewe gusa gusaba uburinzi mpuzamahanga mu gihugu kimwe cya EU+. Niba wamaze gusaba uburinzi mpuzamahanga mu kindi gihugu cya EU+, uzasubizwa muri icyo gihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe.

Niba hari amakuru yerekana ko ikindi gihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe, hari imenyesha rizoherezwa muri icyo gihugu. Niba icyo gihugu cya EU+ cyemeje ko kizasuzuma ubusabe bwawe, uzahabwa **icyemezo cyo kwimurwa** kivuga igihugu cya EU+ uzimurirwamo.

Niba atari ubwa mbere usaba uburinzi mpuzamahanga, cyangwa se niba byaramaze kwemezwa ko ikindi gihugu cya EU+ ari cyo gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe, inzego z'ubuyobozi zishobora kutagukoresha ibazwa ryawe bwite.

Icyakora, uzagira amahirwe yo gusobanura impamvu utagomba kwimurirwa muri icyo gihugu cyangwa impamvu ugomba kwemererwa kuguma muri iki gihugu.

Ushobora gushaka amakuru ku buryo bwo gutanga aya makuru aha hasi: Vugana n’ubuyobozi bujejwe abanjira n’abasohoka (Udlændingestyrelsen) k’urubuga rwabo rwa interneti: www.nyidanmark.dk/KontaktAsyl, cyangwa ukoresheje ino QR-kode ikurikira:

## BIGENDA BITE IYO ICYEMEZO KIMAZE GUFATWA?

Niba uhawe icyemezo cyo kwimurwa ngo ujyanwe mu kindi gihugu cya EU+, bumwe mu burenganzira bwawe buzahagarikwa, nk’urugero:

- ntabwo **uzahabwa serivisi n'ubwoko bw'inkunga**
- ntabwo **uzemererwa gukora cyangwa gukurikira amasomo.**





Kwimurwa bigomba gukorwa mu gihe kitarenze amezi 6 uhereye ku itariki icyo gihugu cya EU+ cyemeje cyangwa cyemereye gusuzuma ubusabe bwawe.

Niba ufunzwe, ikibazo cyawe kizakurikiranwa mu buryo bwihutirwa cyane. Ukwimurwa kwawe kugomba gukorwa mu byumweru 5. Niba ukwimurwa kuzakorwa mu byumweru 5, uzasezererwa muri gereza.

Kwimurwa kwawe bigomba gukorwa mu gihe kitarenze amezi 6 uhereye ku itariki icyo gihugu cya EU+ cyemeje cyangwa cyemereye gusuzuma ubusabe bwawe.

Niba ufunzwe kubera icyaha wakoze, igihe ntarengwa cyo kwimurwa gishobora kongerwa kugeza ku mwaka 1.

**INGENZI!** Niba ugiye ahandi nta ruhushya cyangwa udakorana n'inzego z'ubuyobozi, **igihe ntarengwa cyo kwimurwa gishobora kongerwa kugeza ku myaka 3**.

## BIGENDA BITE NIBA UTEMERANYA N'ICYEMEZO CYO KWIMURWA?



Niba byemejwe ko ikindi gihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe, uzahabwa **icyemezo cyo kwimurwa**. Icyemezo kizakumenyesha igihugu uzimurirwamo.

Niba utemeranya n'icyemezo cyo kwimurwa, ushobora guha urukiko impamvu zawe. Ibi byitwa gutanga ubujurire. Igihe ujuririye icyemezo, urukiko ruzafata icyemezo cya nyuma.

Habaho impamvu eshatu gusa zo kujuririra icyemezo cyo kwimurwa.

- uvuga ko byaba bibangamiye uburenganzira bw'ikiremwamuntu kwimurirwa muri icyo gihugu cyihariye cya EU+
- hariho amakuru mashya atari ahari igihe icyemezo cyo kwimurwa cyafatwaga ashobora kuba yarahinduye icyo cyemezo
- ufite umuryango mu kindi gihugu cya EU+ ahubwo wagombye guhuzwa na we.




Niba udashobora kwiyishyurira umujyanama mu by'amategeko wawe bwite, uzahabwa umujyanama mu by'amategeko nta kiguzi wishyuye.

Uzafashwa n'umusemuzi uvuga ururimi ushobora gusobanukirwa muri iyi gahunda.

## ICYO UGOMBA KUMENYA KURI GAHUNDA Y'UBUJURIRE IGIHE HABAYEHO GUHAGARIKA BY'AGATEGANYO ICYEMEZO N'UBUJURIRE BUSHINGIYE KU MITERERE Y'URUBANZA BIHUJWE

Igihe ntarengwa, aho utanga ubujurire n'uburyo ubutanga bizasobanurwa mu cyemezo cyo kwimurwa uhabwa.

Ugomba gutanga impamvu utemeranya n'icyemezo cyo kukwimurira mu kindi gihugu cya EU+.

Ugomba kandi gutanga impamvu utagomba kwimurirwa mu gihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe mu gihe ubujurire bwawe buzaba bukomeje.

Urukiko ruzabanza gufata icyemezo niba ushobora gutegereza umwanzuro w'ubujurire muri iki gihugu mu gihe ubujurire bwawe buzaba bukomeje mu **kwezi 1**. Ibi bizwi nk'ubujurire bwo guhagarika by'agateganyo icyemezo cy'ubujurire.

Niba urukiko rwemeje ko udashobora gutegereza umwanzuro w’ubujurire bwawe muri iki gihugu, uzimurirwa mu gihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe mu gihe ubujurire bwawe buzaba bukomeje.

Urukiko nruramuka rwemeje ko wemerewe kuguma muri iki gihugu mu gihe ubujurire bwawe bukomeje, urukiko ruzagerageza gutanga icyemezo ntakuka niba ugomba kwimurirwa mu gihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe mu gihe kitarenze ukwezi 1 uhereye ku itariki hafashweho icyemezo cyo guhagarika by'agateganyo iyimurwa ryawe.

Niba ubujurire bwawe butemewe, uzimurirwa mu gihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe. Kwimurwa bigomba kuba mu mezi 6 uhereye ku itariki urukiko rwafatiyeho icyemezo ndakuka.

Niba muri iki gihe ufunzwe cyangwa uzafungwa mu gihe kizaza, dosiye yawe izakemurwa mu buryo bwihutirwa. Ukwimurwa kwawe kugomba gukorwa mu byumweru 5. Niba ukwimurwa kuzakorwa mu byumweru 5, uzasezererwa muri gereza. Icyakora, ukwimurwa kwawe kuzakomeza gutegurwe mu mezi 6 uhereye ku itariki igihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe cyemereyeho ubusabe.

**INGENZI!** Ugomba gukora n'inzego z'ubuyobozi kandi ukajya mu gihugu cya EU+ gishinzwe gusuzuma ubusabe bwawe.

## NI AYAHE MAKURU BWITE YAWE AZAKUSANYWA?



Abakozi bo mu gihugu cya EU+ ubamo bazakusanya amakuru amwe n'amwe, harimo ari aha hasi:

- Umwirondoro wawe bwite n'uw'abagize umuryango wawe mujyana (izina, ubwenegihugu, itariki y'amavuko n'aho wavukiye). Niba mbere warakoresheje amazina n'imyirondoro bitandukanye, bazabikubazaho.
- Amakuru ajyanye n'umwirondoro wawe n'ibyangombwa by'inzira.
- Andi makuru ayo ari yo yose yemeza umwirondoro wawe, nk'ibikumwe byawe.
- Ibisobanuro bijyanye n'abagize umuryango abo ari bo bose baba mu kindi gihugu cya EU+, nko kugaragaza imyirondoro yabo bwite, igihe muherukira kuvugana, aho baherereye na sitati yabo mu rwego rw'amategeko.
- Amakuru arambuye ajyanye n'ibyangombwa ufite byakwemereye kuba mu gihugu cya EU+ niba bikora kuri dosiye yawe.
- Amakuru ku byangombwa byerekana ko wize mu gihugu cya EU+ mu gihe kirenze umwaka.
- Amakuru ajyanye n'ibihugu wanyuzemo kugira ngo ugere muri iki gihugu.
- Uko ibibazo bwawe bwite biteye.
- Itariki y'ubusabe bwabanje ubwo ari bwo bwose bw'uburinzi mpuzamahanga n'umwanzuro w'ubwo busabe.

## UFITE UBUHE BURENGANZIRA MU BIFITITANYE ISANO N'AMAKURU BWITE YAWE?

Ufite uburenganzira bwo guhabwa amakuru ayo ari yo yose wahaye inzego z'ubuyobozi.

Niba ukeka ko amakuru yawe bwite arimo amakosa cyangwa ko yakoreshejwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ushobora gusaba guhabwa amakuru bwite yawe uvugisha umugenzuzi w'amakuru kugira ngo umusabe ko amakuru arimo amakosa akosorwa cyangwa ko amakuru yakoreshejwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko asibwa.

Ushobora kuvugisha umugenzuzi w'amakuru muri iki gihugu ukoresheje amakuru ari aha hasi.

www.nyidanmark.dk/da/Kontakt-os/Kontakt-Udl%C3%A6ndingestyrelsen/Kontakt-DPO

Aka gatabo kagamije gutanga amakuru gusa. Ubwako ntikarema uburenganzira cyangwa inshingano. Ikigo cy'Umuryango w'Ibihugu by'Ubumwe bw'Uburayi Gishinzwe Ubuhungiro (European Union Agency for Asylum, EUAA) cyatanze igice cy'ingenzi cy'iyi nyandiko, kandi gucapurura no guhindura aka gatabo byemerwa na EUAA gusa ku Bihugu Binyamuryango bya EU. EUAA ntabwo yemera uruhare cyangwa uburyozwe ubwo ari bwo bwose ku birebana n'ukuri, ibikubiyemo, kwuzura, kubahiriza amategeko cyangwa kwizerwa kw'amakuru ari muri aka gatabo yatanzwe n'Ibihugu Binyamuryango by'Ubumwe bw'Uburayi cyangwa n'undi muntu ubishinzwe. Yaba EUAA cyangwa umuntu uwo ari we wese ukora mu izina rya EUAA abazwa imikoreshereze ishobora gukorwa ku makuru aboneka muri aka gatabo.

© European Union Agency for Asylum (Ikigo cy'Umuryango w'Ibihugu by'Ubumwe bw'Uburayi Gishyinzwe Ubuhungiro), 2025